REPUBLIQUE RWANDAISE
ASSEMBLEE NATIONALE.
---

DOCUMENT N° 230
Séance du 17.2.1966.
---

## DEUXIEME LEGISLATURE

PREMIERE SESSION - ANNEE PARLEMENTAIRE 1965 - 1966.

## SOMMAIRE DU DOCUMENT:

- Examen du Rapport de la Commission des Travaux Parlementaires relatif à l'examen de la motion portant révision du Règlement d'ordre intérieur.

---

REPUBLIQUE RWANDAISE
ASSEMBLEE NATIONALE
- - - - -

Document n°230
Séance du 17.2.1966.

TH.RUCYAHANA, Secrétaire-Rapporteur.

Sont Présents Les Députés:

| | | |
|---|---|---|
| I.M.BICAMUMPAKA, Président de l'A.N. | Parmehutu | Ruhengeri |
| 2.M.NDWANIYE, Vice-Président de l'A.N. | Parmehutu | Butare |
| 3.M.Baganizi | Parmehutu | Gisenyi |
| 4.M.Banzi | Parmehutu | Gisenyi |
| 5.M.Byungura | Parmehutu | Kigali |
| 6.M.Gashirabake | Parmehutu | Kibungo |
| 7.M.Habamenshi | Parmehutu | Gisenyi |
| 8.M.Hakizimana Sup. | Parmehutu | Kigali |
| 9.M.Iyakagaba | Parmehutu | Cyangugu |
| IO.M.Kanyandekwe | Parmehutu | Kibuye |
| II.M.Kozivuze | Parmehutu | Gikongoro |
| I2.M.Kwigize | Parmehutu | Byumba |
| I3.M.Mafurebo | Parmehutu | Cyangugu |
| I4.M.Mbonyumutwa | Parmehutu | Gitarama |
| I5.M.Mivumbi Sup. | Parmehutu | Kigali |
| I6.M.Mpiranya | Parmehutu | Ruhengeri |
| I7.M.Mugabowakaniga | Parmehutu | Byumba |
| I8.M.Mukakayange | Parmehutu | Butare |
| I9.M.Mulindahabi | Parmehutu | Gitarama |
| 20.M.Munyagasheke | Parmehutu | Gikongoro |
| 2I.M.Musilikare | Parmehutu | Butare |
| 22.M.Munyakazi | Parmehutu | Kibungo |
| 23.M.Munyarugerero | Parmehutu | Ruhengeri |
| 24.M.Mwambutsa | Parmehutu | Kigali |
| 25.M.Ngwabije | Parmehutu | Cyangugu |
| 26.M.Nibaseke | Parmehutu | Byumba |
| 27.M.Nkeramugaba | Parmehutu | Gikongoro |
| 28.M.Nkezabera | Parmehutu | Kigali |
| 29.M.Nkikabahizi | Parmehutu | Kibuye |
| 30.M.Niyonzima | Parmehutu | Gitarama |
| 3I.M.Nzabonimpa | Parmehutu | Gitarama |
| 32.M.Rubayita | Parmehutu | Kigali |
| 33.M.Rusingizandekwe | Parmehutu | Ruhengeri |
| 34.M.Rutabagisha | Parmehutu | Kibuye |
| 35.M.Rwakibibi Sup. | Parmehutu | Ruhengeri |
| 36.M.Rwamakuba | Parmehutu | Butare |
| 37.M.Rwasibo | Parmehutu | Gitarama |
| 38.M.Sebapolisi Sup. | Parmehutu | Ruhengeri |
| 39.M.Sebazungu | Parmehutu | Kibungo |
| 40.M.Sebihire Sup. | Parmehutu | Byumba |
| 4I.M.Segatwa | Parmehutu | Gisenyi |
| 42.M.Sentama | Parmehutu | Gitarama |
| 43.M.Sezirahiga | Parmehutu | Gikongoro |
| 44.M.Ubalijoro | Parmehutu | Byumba |
| 45.M.Utumabahutu Sup. | Parmehutu | Gitarama |

Sont excusés les Députés:

| | | |
|---|---|---|
| 46.M.Misago | Parmehutu | Butare |
| 46.M.Nzeyimana | Parmehutu | Butare |
| 47.M.Rugira | Parmehutu | Butare |

- - - - - - -

REPUBLIQUE RWANDAISE
ASSEMBLEE NATIONALE.
- - -

Document nº 230
Séance du 17 - 2 - 1966
- - -

## DEUXIEME LEGISLATURE

## PREMIERE SESSION 1965 - 1966

La séance est ouverte à 10 h. sous la présidence de Monsieur B.Bicamumpaka, Président de l'Assemblée Nationale.-

A l'ordre du jour: Examen du Rapport de la Commission des Travaux Parlementaires relatif à l'examen de la motion portant révision du Règlement d'ordre intérieur.

Le Président: Je demande au Rapporteur de la Commission des Travaux Parlementaires d'exposer son Rapport consécutif au dépôt d'une motion visant la révision du Règlement d'ordre intérieur.

- La motion est conçue comme suit et elle est signée par MM.Makuza A, Mbonyumutwa D, Nibaseke L, Mpiranya M, Nzeyimana I.

### AMENDEMENTS PROPOSES PAR LES SIGNATAIRES DE LA MOTION AU REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR

-:-:-:-:-

### CHAPITRE I

### Du Bureau de l'Assemblée Nationale

### TITRE I

### De l'Election des membres du Bureau

Article 1.

A l'ouverture de la première session de chaque nouvelle législature l'Assemblée Nationale procède à l'élection de son Bureau.
Le Bureau est composé d'un Président d'un Vice-Président et d'un Secrétaire-Député.

Article 2.

Les débats consacrés à l'élection du Bureau sont présidés par le Chef du Parti le plus représenté à l'Asaemblée ou par son délegué.
Si plusieurs Partis..........
A défaut....................

Article 3.

Les Président, Vice-Président et Secrétaire-Député sont.......
S'il n'y a qu'un seul parti représenté dans l'Assemblée, il est présenté une liste de trois candidats pour chaque siège.
En cas de partage il est procédé à un nouveau scrutin.
En cas de nouveau partage il est procédé par tirage au sort.

Document nº 230
Séance du 17 - 2 - 1966

TITRE II
Des attributions des membres

Section I
Du Président de l'Assemblée.

Article 4 (voir art.3 du doc.)
Article 5 ( " " 4 " )
Article 6 ( " " 6 " )
Article 7 ( " " 7 " )

Section II
Du Vice-Président de l'Assemblée.

Article 8.

Le Vice-Président assiste le Président. Il exerce les mêmes attributions que lui dans la direction des débats lorsqu'il le remplace à la Présidence de l'Assemblée.

Section III
Du Secrétaire- Député.

Article 9.

Le Secrétaire-Député assure le Secrétariat de l'Assemblée Nationale, sous la haute direction du Président ou du Vice-Président de l'Assemblée Nationale.

TITRE III
De la démission d'un membre du Bureau.

Article 10.

Un membre du Bureau peut présenter volontairement sa démission,celle-ci n'est acquise que elle est acceptée par la majorité des membres de l'Assemblée Nationale.

La démission d'un membre du Bureau peut aussi être proposée par au moins 1/5 de tous les députés, elle n'est acquise que si elle est acceptée par les 4/5 des membres composant l'Assemblée.

CHAPITRE IV
Des Commissions et des Missions Parlementaires.

Article 36.(du livre)

L'Assemblée Nationale peut pareillement créer des commissions ou des Missions spéciales pour une ou plusieurs questions déterminées.

Elle fixe..............

Article 37. (du livre)

Le Bureau de l'Assemblée propose à celle-ci les candidats par parti pour la composition des commissions et des missions.

Article 45 (du livre à supprimer)

Article 74.

En plus de l'indemnité prévue à l'article précédent, le député qui effectue un déplacement à l'occasion d'une commission ou d'un mission lui confiée à l'intérieur ou à l'extérieur du pays a droit à une indemnité spéciale de mission.

Article 79. (nouveau)

Les députés en exercice ont le droit de porter l'insigne de député. Ce droit n'est pas reconnu à ceux qui n'exercicent plus le mandat.

Document nº 230
Séance du 17 - 2 - 1966

- - -

NOMS ET PRENOMS DES SIGNATAIRES:

1.MAKUZA Anastase
2.MBONYUMUTWA Dominique
3.NIBASEKE Lucien
4.MPIRANYA Mathias
5.NZEYIMANA Isidore.

Mr.Sentama (Rapporteur de la Commission) donne lecture en kinyarwanda du Rapport dont le texte est reproduit intégralement en annexe:

Document n° 230
Séance du 17 - 2 - 1966
- - -

Mr.Nkeramugaba: Je fais moi-même partie de la Commission des Travaux Parlementaires. Aussi personne ne sera surprise si je demandais que le Rapport de la Commission soit adopté sans de voir faire l'objet de discussions en séance plénière. Ceci ne me dispensera pas cependant de faire des remarques d'ordre général quant à la forme même du présent rapport et au style emprunté par son auteur. Il est une habitude pour le moins regrettable que les Rapports ne sont pas soumis au préalable à tous les membres de la Commission avant leur rédaction définitive. Quoique les délais impartis ne le permettent pas toujours, c'est à mons sens une raison de plus pour que ceux qui sont chargés de la rédaction des Rapports soient amenés à peser leurs termes, et à s'abstenir de l'usage abusif de certaines expressions malheureuses ou mal choisies qui ne reflètent parfois,que le point de vue personnel. J'ai eu l'occasion d'en relever plusieurs tout le long du présent Rapport. J'espère que notre Rapporteur veillera à l'avenir à ce que ce point de vue soit respecté.

Mr.Sentama: Ces reproches seraient fondés dans le seul cas où je n'aurais pas transcrit fidélement l'essentiel des idées exprimées. La forme employée importe peu. Cependant rien ne vous empêche encore de préciser votre pensée. J'ai remis le Rapport au Président de l'Assemblée en raison de l'urgence. La prochaine fois je prendrai soin de soumettre le texte kinyarwanda à Monsieur Nkeramugaha pour correction, car il se targue d'être spécialiste en la matière.

Mr.Sebazungu: Je demande aux membres de la Commission de ne pas se quereller au sujet d'un Rapport rédigé en commun.

Mr.Mugabowakaniqa: Ces disputes entre membres d'une même commission font effectivement de la peine.

Mr.Mulindahabi: J'aimerais être informé de la procédure à suivre. Discutons-nous sur le fond ou sur la forme ?

Le Président: A moins de voter globalement ces amendements je ne vois pas comment nous pourrions procéder autrement qu'en faisant la lecture des amendements article par article.

Mr.Munyarugerero: Je trouve pour ma part que la Commission des Travaux Parlementaires a présenté un excellent Rapport. Je pense qu'il serait superflu de le remettre en discussion. Il est préférable qu'il soit mis au vote globalement. Ce qui n'empêche pas les députés désireux de présenter des amendements, d'y procéder.

Mr.Munyakazi: Je souscris à cette proposition sans réserve. J'aimerais cependant que le vote global intervienne seulement après l'impression du Règlement d'ordre intérieur, de manière à disposer d'un document complet.

Mr.Mbonyumutwa: Le Règlement d'ordre intérieur est en notre possession depuis assez bien de temps. Ce qui fait que nous le connaissons suffisamment. Le meilleur procédé serait je pense de comparer les articles concernés, en demandant leur maintien ou leur retrait.

Mr.Mulindahabi: Le Règlement que nous voulons élaborer doit avoir un caractère personnel qui le distingue de l'ancien. Si bien qu'à mon estime il convient de le passer en revue article par article, de manière à avoir une suite logique dans les idées tout en incorporant des amendements, qui peuvent différer notons-le, de ceux dont fait état la motion ci-dessus.

Mr.Kozivuze: Je ne l'entends pas de cette manière. Au fond l'Assemblée Nationale comprend les anciens députés; en principe satisfaits de l'ancien règlement; et les nouveaux qui désirent y incorporer des amendements. Examinons-les et donnons la confiance à tout le projet amendé.

Mr.Nzabonimpa: Je suis dans l'ensemble satisfait du Rapport de la Commission. Seulement celle-ci semble avoir oublié qu'en ce qui concerne les indemnités parlementaires, leur taux est fixé par une <u>loi</u>. Ce qui semble peu compatible avec un simple règlement. Pour le reste nous devons apprendre à faire confiance dans les commissions que nous avons créées sous peine de nous désavouer. En l'occurrence aucun problème ne se pose, puisque la motion en cours d'examen a été contresigné par des députés tant de l'ancienne législature que de la nouvelle. Accordons donc la confiance à

tout le nouveau texte, quitte à l'incorporer dans le règlement ultérieurement.

- Note: MM.Byungura, Rusingizandekwe, Kanyandekwe, Mpiranya, Sebazungu, Mwambutsa, Utumabahutu interviennent à peu près dans le même sens, et soutiennent le point de vue défendu par l'orateur précédent, en préconisant un vote de confiance, sauf amendements à faire valoir par tout quiconque le souhaite.

- M.Mulindahabi soutient la thèse contraire par principe, en affirmant qu'il ne convient pas qu'au départ l'Assemblée considère tout travail de la Commission comme parfait à priori, car il peut arriver que même ces amendements soient modifiés. Rien n'empêche au surplus que des articles autres que ceux amendés par la Commission soient retouchés. Tout cela exige à son avis un minimum de temps nécessaire.

Le Président: Je fais le point de la situation. Les positions se résument ainsi:

1.- Procéder par examen afticle par article,
2.- Faire examiner uniquement les amendements,
3.- Solliciter un vote de confiance global,

Je considère que l'Assemblée est informée et je pense que tout autre discussion est vraiment inutile.

Mr.Byungura: La procédure énumérée ci-dessus n'est valable à mon avis qu'en ce qui concerne le Rapport de la Commission. Puisque le député Mulindahabi demande la division qui est de droit, il ne nous reste plus qu'à nous résigner et à l'accepter.

Mr.Mulindahabi: Je renouvelle cette demande de la manière la plus formelle. Je ne fais pas de l'obstruction. A l'Assemblée le député a droit à la parole toutes les fois qu'il la demande. Tout le monde n'ayant pas assisté aux commissions, nous avons le droit de nous informer. Procéder autrement serait d'ailleurs créer un précédent dangereux. Nous sommes entrain d'élaborer un nouveau règlement. Nous ne devons pas nous limiter exclusivement aux amendements, car les articles restant peuvent aux aussi avoir besoin d'être modifiés.

Mr.Nzabonimpa: La demande de division est inopportune étant donné que cette procédure ne peut intervenir qu'après le rejet du Rapport de la Commission. Il s'agit ici de l'ensemble du Rapport, mais pas "d'une question complexe", pour reprendre les termes du règlement invoqué.

Mr.Mulindahabi: Comment voter la confiance à une question non encore examinée, même pas par la commission ? Si la division est de droit en ce qui concerne un seul article, à fortiori elle devrait être de rigueur si elle intéresse l'ensemble du problème concerné.

Mr.Byungura: Non, je vous soutenais, mais là vous vous trompez. La commission peut demander l'emploi du vote global. En cas de rejet, les projets peuvent même retourner en commission.

Mr.Mulindahabi: Certains veulent précipiter le vote. Celui-ci risque d'avoir lieu dans la confusion, car faute de discussions le débat n'est pas clair. En homme sensé je ne peux accepter des improvisations de ce genre.

Mr.Sentama: La Commission a été mendatée par toute l'Assemblée. Son point de vue mérite donc quelques égards. Ce qui ne veut pas dire que les députés ne peuvent pas faire valoir leurs objections s'ils en ont.

Le vote porte sur l'ensemble du Rapport de la Commission.

Nombre de votants: 43

Suffrages exprimés: 42 pour - 0 contre - 1 abstention

Justification de l'abstention:

Mr.Mulindahabi: J'aurais dû voter contre, mais je désire qu'il apparaisse clairement dans le Procès-verbal que je m'insurge contre la procédure employée, consistant à laisser les commissions extorquer un vote de confiance, alors que de nombreux députés désirent encore être entendus au

sujet du Rapport. Il s'agit d'une méthode de travail inacceptable. Rien ne dit que des articles autres que ceux ayant été retouchés par la Commission ne feraient pas l'objet d'amendement. Le vote qui vient d'avoir lieu est donc inopportun car il est consécutif à un débat qui n'a pas eu lieu, ni sur les articles ni sur les amendements.

Note: Le Président de l'Assemblée se fait mettre au courant de l'avancement des travaux en commission. Les Présidents des commissions respectives rendent compte de leurs activités. Il se révèle que la lenteur de l'avancement des travaux est imputable au fait que les projets n'étaient pas prêts du côté du Gouvernement. D'autres fois c'était les Rapporteurs gouvernementaux qui faisaient défaut. Le Président de l'Assemblée insiste pour que l'examen de tous les projets en cours soit accéléré de manière à respecter le calendrier de la présente session. Au besoin les Présidents des commissions adresseront une lettre officielle aux membres du Gouvernement, qui peuvent au demeurant se faire représenter par leur Secrétaires-Généraux, en cas d'absence ou d'empêchement.
La Commission reprendront donc leurs travaux à 14 heures.

La séance est levée à 12 heures.

Le Secrétaire-Rapporteur,
Th.J.M.RUCYAHANA

Le Président de l'A.N.,
B.BICAMUMPAKA

RAPPORT DE LA COMMISSION
DES TRAVAUX PARLEMENTAIRES

\- - -

Objet:
Amendements proposés par les signataires de la motion au Règlement d'ordre intérieur de l'Assemblée Nationale.

Nyakwubahwa Bwana Prezida w'Inteko,

Ba Nyakwubahwa ba Bwana Depite,

Muzi ko mu cyicaro cy'Iyi Nteko cyo kuli 14-2-1966 nyuma ya saa sita, aliho Inteko nyineyemeje ko Règlement d'ordre intérieur (aliyo mategeko agenga Inteko) ikwiye kwongera gusuzumwa, biturutse ku cyifuzo cya bamwe mu badepite bali babisabye Inteko nyine, alibo aba:
Bwana Makuza Anastase
Mbonyumutwa Dominique
Nibaseke Lucien
Mpiranya Mathias
Nzeyimana Isidore.

Mulibukakandi ko abagize iyi Nteko hafi ya bose bemeje ko commission ishinzwe imilimo y'Inteko Nkuru aliyo yagombaga gusubira gusuzuma iyo Règlement no kwakira za amendements (ali zo ngingo zigorora) zagomba gutangwa n'Abadepite twavuze n'abandi bandi babishatse. Commission ishinzwe imilimo y'Inteko rero yateranye uwo munsi sa cyenda na 20 (3 h.20) iyobowe na Nyakwubahwa Bwana Balthazar Bicamumpaka.

Abali bayilimo ni ba Bwana:
Bicamumpaka Balthazar, Président
Ndwaniye Joseph, Vice-Président
Sentama Godefroid, Rapporteur
Nzabonimpa Aloys
Nkeramugaba André
Mwambutsa Wenceslas
Mugabowakaniga Athanase
Mafurebo Marcel
Nkikabahizi Justin.

Ubwo commission imaze guterana Bwana Balthazar Bicamumpaka avuga impamvu yahuje ba membre, ali yo gusubira kwiga Règlement d'ordre intérieur,abaza niba abagize commission hali icyo batangira gukora kuli yo, cyanga se niba bafite za amendements ubwabo batangira kugaragaza ngo zitangire kugirwaho impaka.

\- Bwana Sentama, ati: ndabona ko twe ntacyo twangira gusuzuma muli iyo Règlement, keretse abadepite basabye ko isubirwaho ndetse n'abandi babishatse batweretse ibyifuzo byabo naza amandements bifuza ko zashyirwa muli iyo Règlement.

\- Bwana Nkeramugaba ati: Simbona igutuma twe tutatangira kujya impaka kuli iyo Règlement, abifitiye za amendements cyanga sous-amendements bakazaba bazizana wenda zikazemererwa mu Nteko.

\- Bwana Nzabonimpa avuga ko commission idafite ububashabwo kwiha kuvuga mw'izina ry'abasinye motion, ati: ibyiza ni ukubanza gutegereza za [illegible] amendements zabo.

\- Bwana Ndwaniye ati: Haliho abifuza kwiga iyo Règlement bagize iyi commission,bayiga "article par article," ati: ibyo si byo, bibaye commission yaba yihaye ububasha idafite,kuko iba inyuranije rwose n'ingingo ya 87 y'iyi Règlement nyine, ati: Reka ibyateganyijwe n'iyo ngingo bizabanze bigenwe n'abasinyiye iyo motion.

\- Bwana Bicamumpaka ati: noneho abasinyiye iyo motion,koko nibo bakwiye kuduha un élément de travail (icyo duhera ho ngo dukore,) kuko wenda mu bagize iyi commission halimo abatagira icyo bagaya muli iyo Règlement.

\- Bwana Mwambutsa ati: guhamagara abasinye ngo bakatwereka ibigomba guhinduka ni ngombwa aliko bgakorwa vuba.
\- Bwana Bicamumpaka ati: ni byo.

- Bwana Nzabonimpa ati: ubwo ingingo ya 87 igomba kwubahklizwa, ba singataires niba bataranditse za amendementszabo n'ibaruwa yo kuziherekeza, bagomba igihe gihagije cyo kubyitegura.

- Bwana Bicamumpaka, ati: ni byo, aliko mu gihe bacyitegura commission zindi zigakora.

- Bwana Sentama ati: abo bagabo bakwiye igihe gihagije koko cyo kwitegura, mbese kuva none aha kuzageza ejo za-munani.

- Bwana Bicamumpakaati: jye mbona ko biteguye nonene aha baduha amendements kuko mu gihe Inteko itakoraga bali bafite igihe gihagije cyo guhura no gushyira ibyabo ku murongo.

- Bwana, Sentamaati: iyo ntiyaba impamvu, kuko urebye uko za prefectures zidahuye, n'uburyo bw'ingendo, ntibyaha abadepite kuba baliteguye za amendements. Ubwo bwana Nzabonimpa alitera mo.

- Bwana Nkikabahizi ati: Abasinye barare bitegura,maze baduhe ibyo bagezeho ejo zatatu.

- Bwana Nzabonimpa, ati: Abadepite ntibatungwa n'ubusa, igitondo cyose bakimara bahiga ikibatunga, bisubiye za amendements mushaka zigomba guca kuli brouillons zikazashyikilizwa commission ali "imprimés" (zanditse n'imashini), nk'uko ya ngingo ya 87 ibivuga, niyo mpamvu mbona ko abo bahungu bakwiye igihe gihagije.

- Bwana Bicamumpaka ati: noneho ni iby'ejo za-munani.
- Commission yose iti: nta kundi ni ibyo.

N.B.:
1) Ubwo commission yashinze Bwana Sentama Godefroid Rapporteur, ngo abonane n'abasinye motion, anabamenyesha igitekerezo c yali imaze kugrera ho. Bwana Sentama yabonanye n'abali bahali bose uretse Bwana Isidore Nzeyimana uli mu mahanga.
2) Yabonanye kandi na Nyakwubahwa Bwana Anastase Makuza, uwo amusobanurira ko atali kuboneka kubera imilimo ya Ministère, avuga ko afatanyije igitekreezo na bagenzi be basinyanye ndetse amuha n'ingingo z'uko abyumva.
3) Bwana Sentama yasanze ko basignataires bakoreraga, hali n'abandi badepite bali baje kubafasha kwongera no kugorora za amendements zategurwaga guhabwa commission.

Kuli 15-2-1966, commission yongeye guterana sa cyenda na 55 (3h55) iyobowe na Nyakubahwa Bwana Balthazar BICAMUMPAKA.

Abali bayilimo ni ba Bwana:

1. Bicamumpaka Balthazar, Président
2. Ndwaniye Joseph , V/Président
3. Sentama Godefroid , Rapporteur
4. Nkeramugaba André ,
5. Nkikabahizi Justin
6. Mwambutsa Wensislas
7. Mugabowakaniga Athanase
8. Mafurebo Marcel

Utali uhali ni Bwana : NZABONIMPA Aloys.

Commission yamaze guterana, Bwana Bicamumpaka, ati: Muzi ko ejo twali twiyemeje ko tugomba kubona icyifuzo cya ba Badepite 5, ngo ingingo za Règlement d'Ordre Intérieur (Amategeko agenga Inteko) zishobore gukosorwa, none ndibaza niba tugomba kwiga ingingo zigorora duhawe, cy.se niba tugomba kuzigana na Règlement d'Ordre Intérieur yose, tuyiga article par article.

Bwana Mugabowakaniga ati: Jye ndabona ko ibitunganye ali ukwiga iyo Règlement d'Ordre Intérieur yose n'ingingo zigorora (amendements)twahawe, nyuma tukabihuza.

Ba Bwana Mafurebo, Mwambutsa, Nkikabahizi: bati koko ni ibyo.

Bwana Ndwaniye ati: Simbona impamvu yadutera kwiga Règlement d'Ordre Intérieur yose, kuko ali ugukora umulimo w'ubusa no gutinza akazi kwose, ati: Ibyiza ni ukwiga gusa za amendements ba signataires ba motion badushyikilije.

Bwana Nkeramugaba ati: Kwiga Règlement d'Ordre Intérieur yose n'amendements atanzwe nibyo bitunganye.

Bwana Sentama: ati; Kwiga Igitabo cyose sibyo twatumwe, ahubwo twatumwe kwumva amamendements y'abasinye motion, tuyajyaho impaka, nyuma tugashyikiliza Inteko icyagazweho.

Bwana Mwambutsa ati: Ntimwumve ibintu nabi, nibajye bagenda basoma buli ngingo ya Règlement maze mugerageze kureba aho mwahuza na amendement uko bikwiye.

Bwana Mugabowakaniga: asaba vote ngo barebe procédure (uburyo) yakoreshwa.

Bwana Bicamumpaka: ati: Jye ndabona muvotera ubusa, niba Inteko yaradutumye kwiga amendements nta n'ubwo yatubujije gusuzuma Règlement yose.

Bwana Mafurebo ati: Ibyiza nidusuzume Règlement yose turebe aho twagobeka z'amendements, za ba signataires, ndetse no muli twe uza kubona aho ashyira amendements abigire

Bwana Ndwaniye: ati: Ubwo mukora vote muli procédure muraba mwiciyemo ibice hakili kare, mu mpaka ziza gukulikira biruhanye, ndetse no muli votes zindi bize kuruhanya kuko bili bube byapfuye zigikubita.
Ati: Jye mbona ko ibyiza ali uguhuza procédure (uburyo bwogukora) bitabanje kunyura muli vote.

Commission noneho yiyemeza kwiga ingingo ku ngingo ya Règlement d'Ordre Intérieur, ikajya igenda ihuza amendements na buli ngingo agenewe.

Noneho hasigara hashakwa urupapuro rw'abasinye ruha commission ububasha bwo gusuzuma ibyabo, ndetse ga n'umusemuzi wabo.

Commission isaba Rapporteur wayo kuyibonera ibyo bya ngombwa, ni bwo abahaye Bwana Depite Mbonyumutwa, umwe mu bize izo za amendements cyane nawe atanga urupapuro ruha commission ububasha bwo gutangira.

ISUZUMWA RY'INTERURO.

Ba signataires bati: Tulifuza ko ku byerekeye "Itorwa ry'Ibiro by'Inteko Nkuru" ingingo ya mbere twayicamo kabili, ibice byombi bikaba interuro zili ukwazo, icya mbere kikavuga "Ibiro by'Inteko, icya kabili, uburyo biremwa, maze interuro ya mbere ya mbere yacu ikaba iyi:

Art. 1. "Uko ubutegetsi bushya bushyizweho, Inteko itora Ibiro byayo. Ibyo Biro bigizwe na Prezida, Vice-Prezida na Secreteri-Depite.

Impaka ntizatinda kuko twasanze iyo ngingo aliyo yali ihuje n'art.78 ya Constitution.

Uhagaraliye abasinye, ati: ubwo Interuro ya mbere yali isanzwe twaciyemo kabili, igice gisigaye ni kibi interuro ya kabili maze gitewe gitya: art.2. Itorwa ry'Ibiro lihagalikirwa n'umukuru w'Ishyaka ryiganje mu Nteko cyangwa se Intumwa ye.

Iyo amashyaka menshi ....................

Iyo abatware ........................

Bwana Bicamumpaka, ati: Nyamuna utwo duce muzana tuli budutere amakuba, kuko tuza kugera aho tugasanga tulibwemere ko ingingo nyinshi zicibwamo kabili bikonona akazi kandi bikica igihe.

Bwana Mbonyumutwa, ati: Iyi nteruro ni ngombwa rwose ngo icibwe mo kabili kuko ilimo ibice bibili bitagira amahuliro.
Icya mbere kiravuga Abagize Ibiro by'Inteko Icyakabili kiravuga procédure, aliyo nzira bashyirwaho.

Bwana Bicamumpaka, ati: Ese ko nshimye ibyo, Règlement d'Ordre Intérieur yaba yaranditswe muli Journal Officiel, ubu tukaba twongeye gushwanyaguza articles zayo ikazongera kwandikwa bundi bushya, nta cyo byiciye Imali y'Igihugu ?

Bwana Sentama; ati: Uko mbyibuka ntiyigeze gusohoka.

Impaka zeneze kuzamba, Bwana Ndwaniye yirukira muli za archives, ubwo azanira commission ibaruwa ya y'uwali Prezida MAKUZA, yandikiye Prezida wa Republika le ........ imusaba ko iyo Règlement d'Ordre Intérieur yatangazwa muli Journal Officiel (Ikinyamateka cya Leta).

Nyuma ngo impuguke yo muli Prezidanse y'umuzungu iza gusobanura ko ubwo iyo Règlement ali iyo gukoresha mu Nteko gusa, idakwiye gutangazwa muli Journal Officiel ngo imenyeshe Abaturage bose.
Nyakubahwa Bwana Grégori KAYIBANDA yohereza, Bwana Anastase MAKUZA ibaruwa n° 002/02.00-02 yo kuwa 5 yanwali 1965, ibimumenyesha, inamwereka n'ingingo iyo nyaryenge y'umuzungu yatangaga.

Urwo rwandiko ruba Kamarampaka, commission yemera ko ingingo ya 2 iterwa nk'uko uhagaraliye ba signataires yali yabisabye haruguru.

Bwana Mbonyumutwa akulikije icyifuzo cya Bagenzi be, asaba ko iyali isanzwe ali ingingo ya 2 none ho yaba iya gatatu, aliko hakwongerwa mo iyi amendement:
"Iyo Inteko igizwe n'ishyaka limwe, hatangwa listi y'abantu batatu kuli buli mwanya".

Bwana Ndwaniye, ati: "Esse muli icyo gihe hapropajwe abantu 3, ntibiba byiciye abakwishyilisha kuli listi individuelle ?

Bwana Mbonyumutwa, ati: Sibyo. Abo baba batanzwe na Parti, naho ubundi ntibyabuza abashaka kwinigura kandi kubigira.

Bwana Bicamumpaka, ati: Izo candidature eshatu mupropaja, zinyuranya n'ububasha parti ifite kuli ba membres bayo, ndetse ndabona mushaka gukora itegeko lilimo umwuka ureba kanaka ntimukora itegeko lizahoraho mwagombaga gukora itegeko impersonnelle (LOI IMPERSONNELLE)
Ubundi Parti yali isanzwe yitangira umuntu, Prezida wayo naba Secreteri généraux be bamwemeye, ndetse bakaba banabihamagayemo ba Secreteri régionaux maze ibyo bikaba binyuze mu buryo, ngo naho ubundi ni ukureba ibiliho, byongeye nino gushaka guteza inkeke nk'imwe ya ba bidomo, n'amahane.
Bamwe barajujura ngo mbese uwo muntu umwe yatangishwa igitsure, umunsi umwe akazakanyaga abantu igihugu cyitoreye.

Bwana Bicamumpaka, ati: Niba mubona ko Secrétariat iliho ubu itameze neza mwasaba kuyisesea mugatore indi, Parti si kanaka, aliko mugaha umwanya Parti ikwiye mu biyigenewe.

Bwana Sentama; ati: Ndetse jye mbona ali byo ko amendement yali ikwiye gutangwa itya: si il n'y a qu'un seul parti, chaque député est candidat pour chaque place, ali byo kuvuga ngo hali Parti imwe rukumbi umudepite wese (wishoboye na none) akwiye kwiyamamaza.
Ati: Impamvu n'iyi: Utorewe ubudepite, sinumva impamvu ashatse kwiyamamaliza ubuyobozi bw'Inteko, Parti yamubuza ngo ishyire ho uwo ishaka, kuko buli député wese abanza gusuzumilirwa candidature na parti muli commune, na Parti muli Préfecture, na Congrès National abakuru noneho bose bateranye,

Nyuma rubanda rukabatora, rero (de droit) barareshya, ni intorez'Igihugu kandi Pariti ibazi ku buryo buhagije kubera ayo makoni baciyemo, akaba rero ntakwiyumvisha uburyo Parti yazana umuntu umwe ngo imuvuge mu izina n'irangiza ngo nibamutore mu ibanga, ngo Parti mbese ibuze abantu bayo nta lindi shyaka lihali, kwitorera abazabategeka, ikindi lero ni na byo "plus démocratique", ali byo kuvuga démocratie ihanitse.
Bisubiye n'ubwo Prezida wa Parti yagira ijambo na Secrétariat Général byakwumvikana wenda kuli benshi, aliko se mu babagarariye Pariti mu turere bo baza kuvuga iki ku buyobozi bw'abitorewe na rubanda?

Se haramutse haje mo uwabuze amajwi mu itora ry'ubudepite, noneho akaza kwivanga mu by'ubuyobozi bukuru bw'Abadepite byarebwa bite?

-Bwana Mwambutsa ati: Jye nzi ko amashyaka anyuranye na Parmehutu aliho, rero igitekerezo cy'uko umukandida umwe yatangwa na Parti byaba byo.

-Bwana Sentama, ibyo nta wabyanga igihe mu Nteko Parti ya Parmehutu iba itsitsurana n'izindi kuko aba ali ukurwana ishyaka, igikangana ni ukubuza abadepite b'ishyaka limwe bali mu Nteko bonyine kwitorera abayobozi, naho ubundi tuzi ko amashyaka yandi akili ho, aliko yabuliyemo muli ali tora lishize.

-Bwana Bicamumpaka, ati ko mushaka kugera mu Nteko mumaze gutorwa mukiha ububasha bwo kuba ba candidats mwese kuki mutabyemerera na rubanda rundi mu itora ry'ubundi butegetsi bwo hasi, ati ibyo si ubwikanyize?

-Bwana Sentama amusubiza ko iby'ubutegetsi bwo hasi bifite amategeko abigenga kandi yashyizweho, ko ibigirwaho impaka ubu ali ibireba za candidatures zitangwa mu buyobozi bw'Inteko, igihe igizwe na parti imwe. Byongeye nta ngingo n'imwe kugeza ubu yataganijwe yakwitwazwa iyo bimeze bityo.

-Bwana Ndwaniye ati: turasa n'abapfa ubusa n'ubwo tuli mu Nteko ubu tuli Parmehutu gusa, ntabwo Igihugu n'Inteko biratangaza ko haliho ubu ishyaka limwe (Parti unique) nyamara aho kwemera candidature eshatu gusa, nakwemera igitekerezo cya Bwana Député Sentama cyo kureka abadepite bakitorera ababayobora igihe ali ishyaka limwe ali ryo rigize Inteko, nibyo nsanga ali démocratique.

-Bwana Bicamumpaka ati: icyo mwita "démocratie", jye sinzi ukuntu mugitekereza, ali abafite parti imwe bibwira ko bali muli démocratie, abafite nyinshi nabo ni uko, ndetse n'abakoresha dictature bibwira ko bali muli démocratie. Ku bwanjye rero ibyiza n'ukutigiza rwose Pariti mu byo gutanga candidatures, ihubwo igikwiye kwilindwa ni "imposition de la candidature" ali byo "guhatira abadepite candidat badashaka".

-Bwana Mugabowakaniga ati: ubu niyemeje kujyana n'amendement y'abasinye motion.

-Bwana Mafurebo, ati: abadepite bakwiye kwiyamamaza, utowe akaba ali we uyobora abandi, ahubwo Parti ikabashyakira candidature habuze uwiyamamaza.

-Bwana Nkeramugaba ati: igihe amendement y'abasinye motion yemeza candidature 3 Parti ali imwe mu Nteko, ni ibyo nemeza ni nabyo gutora.

-Bwana Ndwaniye, ati: igitekerezo cy'uko abadepite bose, hakagira abatorwa mo abakuru ndakirekuye nasabaga na Bwana Sentama kukivanaho,ibintu bigakunda bikagenda neza.

-Bwana Mbonyumutwa, ati: ubirebye, Parti gutanga abantu batatu aliyo ibitangiye, ntacyo byiciye discipline yayo,ahubwo ni byo démocratie kuko bihalira parti uburenganzira, aliko kandi bigatuma n'abadepite babona uko batora, kuko gutora bivuga guhitamo.

-Bwana Bicamumpka ati: ubwo ako kagingo tugiye kwongera mo ali gashya katali gasanzwe, nta cyo mbona gat aye kuko n'ubundi habaga ubwo twibazaga inzira tunyuramo mu itanga rya candidatures nk'izo ntibigaragare neza. Gusa ni mushake umubare twese duhuliraho, ati: ndetse ku bwanjye ndavuga candidatures z'abantu 2.

-Bwana Mwambutsa,ati: ndapfa kwemera ibya ba singataires by'uko parti yatanga abakandida batatu aliko sinkunda ko abadepite henshi biyamamaza kuko ababura amajwi barwana.

-Bwana Sentama ati kugira ngo ibintu bigende neza kandi twumvikane, amandement yanjye y'uko uwali we wese ushatse mu badepite yatanga candidature nyikuyeho, aliko parti yajya gushyiraho ba candidats ikajya ibanza kwumvikana n'abadepite.

-Bwana Nkikabahizi n'abandi bajujuraga ngo ese none ibyo Sentama avuze ko byenda gusa no gutora à l'avance (igihe kitageze).

-Bwana Sentama ati: Mwikwilir a mujujura ndemera kandidatures 3 za tanzwe n'abasinye motion.

-Bwana Bicamumpaka, ati: soucis nali mfite y'amahane nk'ay'abanyabidomo n'ayabandi bapagani barwana bapfa amajwi,ndayiretse kuko mbona koparti itanze candidatures eshatu ntacyo byiciye Parti, ndazemeye.

Noneho amendement itangwa itya:

"Si il n'y a qu'un seul parti représenté à l'Assemblée, le même Parti présente une liste de 3 candidats pour chaque siège à pourvoir", ali byo kuvuga ngo, "Niba mu Nteko halimo abadepite b'Ishyaka limwe gusa, iryo shyaka nyine litanga liste y'abakandida 3 kuli buli ntebe mu ntebe zateganyijwe.

Kuli iyo ngingo kandi commission yibutsa kwongera "Secreteri-depite" mu gace kayo ka mbere.

Noneho ingingo yose zihinduka zitya:

Article 2 = 3
" 3 = 4
" 4 = 5
" 5 = 6
" 6 = 7
" 7 = 8 : Aliko hakosorwa hatya: Vice-Prezida afasha ........
Vice-Président assiste.......
" 8 = 9 Ivugwa ho ibi: Ibyerekeye Secreteri-Depite:

Secreteri-Depite ayobora Secretariat y'Inteko Nkuru y'Amategeko abigenzurwamo na Prezida cyangwa Visi-Prezida w'Inteko Nkuru y'Amategeko. "Le Secrétaire-Député assure le Secrétariat de l'Assemblée Nationale, sous la haute direction du Président ou du Vice-Président de l'Assemblée Nationale."

Article 10 ninshya (TITRE III)

Igenwe itya: Uli mu bagize Ibiro ashobora kwegura ku bwe, ubwo bwegure bufata iyo bwemewe n'umubare wiganje w'abagize Inteko Nkuru y'Amategeko.

Ikuraho ry'umwe mu bagize Ibiro lishobora gusabwa byibura na 1/5 cy'Abadepite bose, lifata iyo ryemewe na 4/5 by'abagize Inteko. "Un membre du Bureau peut présenter volontairement sa démission, celle-ci n'est acquise que elle est acceptée par la ~~majorité des membres~~ de l'Assemblée Nationale.

"La démission d'un membre du Bureau peut aussi être proposée par au moins 1/5 de tous les députés, elle n'est acquise que si elle est acceptée par les 4/5 des membres composant l'Assemblée.

Bwana Bicamumpaka: Abona ko igihe ali umwe mu bagize Biro agashaka kwegura, atagomba guhatwa ngo ahame mo, ngo ni uko hali umubare uhagije.

Bwana Mbonyumutwa: n'abandi, bati: "Ningombwa kwumvira majorite.

Mu mpaka abagize commission babaza icyatumye ba signataires bakomera kuli 4/5 igihe ugize Biro ahatirwa kuvamo.

Nyuma bamwe mu bagize commission baza kuvumbura ko wenda haliho inkonkobotsi zibasiye kanaka zashara amayeli yo kumutura hasi mu manzaganya kandi ali ke, bati: Nimurekereho 4/5 ntawashobora.

Art. 8 = 11 = inchangé (du livre)
" 9 = 12, Iyo ngingo yongerewe ku gice cyayo cya 2, (2 alinéa): Umubare ngombwa ngo icyicaro cy'Inteko kibeho ni 1/2 cy'umubare wose w'abadepite wongeye ho umudepite umwe "Le quorum requis est de la majorité absolue des membres composant l'Assemblée Nationale".

Article 10 = 13
" 11 = 14
" 12 = 15
" 13 = 16
" 14 = 17
" 15 = 18 ) Iyi article yagiliwe ho impaka zikomeye ku badepite bakererwa cyangwa se bica Inama nkana banasuzuma za procès-verbaux z'Inteko y'Igihe gishize, aliko nyuma bemera ibihano na mbere byateganyijwe.

Article 16 = 19
" 17 = 20
" 18 = 21
" 19 = 22
" 20 = 23
" 21 = 24
" 22 = 25
" 23 = 26
" 24 = 27
" 25 = 28
" 26 = 29
" 27 = 30 ) Aha Bwana Bicamumpaka yasabye ko ahanditse ijambo ry'igifransa "les abstentionistes doivent" hajya "les abstentionistes peuvent" (alinéa 2), commission yarabyemeye.

Article 28 = 31
" 29 = 32
" 30 = 33
" 31 = 34

Article 32 = 35
" 33 = 36
" 34 = 37
" 35 = 38
" 36 = 39 ) Aha ba signataires bongeyeho alinéa 2:"L'Assemblée Nationale peut pareillement créer des commissions ou des missions spéciales pour une ou plusieurs questions déterminées.
Inteko Nkuru y'Amategeko, ishobora kandi kurema n'utundi tunama no kugira utunama tw'ubutumwa tudasanzwe, ikadushinga kwiga ibibazo ibi n'ibi.
Elle fixe ................

Article 37 = 40 ) Ibiro by'Inteko ni byo bimenyesha Inteko amazina y' abali mu mitwe y'Amashyaka bifuza kuba batorerwa utwo tunama cyangwa ubwo butumwa.
"N.B. Commission yemeye iyi ngingo yabasignataires ba motion".

Article 38 = 41
" 39 = 42
" 40 = 43
" 41 = 44
" 42 = 45
" 43 = 46
" 44 = 47
" 45 à supprimer (kuyica)
" 46 = 48
" 47 = 49
" 48 = 50
" 49 = 51
" 50 = 52
" 51 = 53
" 52 = 54
" 53 = 55
" 54 = 56
" 55 = 57
" 56 = 58
" 57 = 59
" 58 = 60
" 59 = 61
" 60 = 62
" 61 = 63
" 62 = 64
" 63 = 65
" 64 = 66
" 65 = 67
" 66 = 68
" 67 = 69
" 68 = 70
" 69 = 71
" 70 = 72
" 71 = 73
" 72 = 74
" 73 = 75
" 74 = 76 (nouveau= Ba signataires bahavuze batya: En plus de l'indamnité prévue à l'article précédent, le député qui effectue un déplacement à l'occasion d'une commission ou d'une mission lui confiée à l'Intérieur ou à l'Extérieur du pays a droit à une indamnité spéciale de mission. (Uretse indemnite zateganyijwe ku ngingo ibanziliza iyi, umudepite ugize urugendo agiye muli commission cyangwa mu butumwe bw' Inteko yashinzwe mu Gihugu cyangwa mu mahanga agomba guhabwa indemnite y'umwihaliko y'ubwo butumwa (alinéa 5).
Article 74 = 77
" 75 = 78
" 76 = 79
" 77 = 80
" 78 = 81 ) commission yemeye kwongera ho alinéa ya kabili yatanzwa na les signataires. "Les députés en exercices ont le droit de porter l'insigne de député.
Ce droit n'est pas reconnu à ceux qui n'exercicent plus le mandat.
"Abadepite bakili ku mulimo batorewa bafite ububasha bwo kwambara ikimenyetso kibaranga.
"Ubwo bubasha abatakili kuli uwo mulimo ntibaba bakibufite.

Article 79 = 82
" 80 = 83
" 81 = 84
" 82 = 85
" 83 = 86
" 84 = 87
" 85 = 88
" 86 = 89
( " 87 = 90
" 88 = 91 (Commission yahavuze itya:

Le présent Règlement entre en vigueur le jour de sa signature.
"Ili tegeko lizatangira gukulikizwa umunsi lizashyilirwa ho umukono.

Le Rapporteur de la Commission
des Travaux Parlementaires,
Godefroid SENTAMA.